# Ibibazo bikunze kubazwa bijyanye na gahunda y'inkunga igenewe abana ku mpamvu z'icyorezo ya P-EBT

mu mwaka w'amashuri wa 2022-2023 (*ku wa 31 Werurwe 2023)*

---

**Ikibazo cya 1: Inkunga igenewe abana ku mpamvu z'icyorezo ya P-EBT ni iki?**
Igisubizo: Ni inkunga y'amafaranga yerekeye ibyo kurya yemejwe na leta ku rwego rw'igihugu kugira ngo ifashe imiryango ifite abana bafite munsi y'imyaka 6 y'amavuko mu gihe cy'Icyorezo cya COVID-19.

---

**Ikibazo cya 2: Ni nde wemerewe inkunga igenewe abana ku mpamvu z'icyorezo ya P-EBT?**
Igisubizo: Imiryango y'abatuye muri Vermont isanzwe ihabwa inkunga za 3SquaresVT ifite abana bafite munsi y'imyaka itandatu y'amavuko. Inkunga igenewe abana ku mpamvu z'icyorezo ya P-EBT izatangira gutangwa buri kwezi uhereye muri Nzeri 2022 kugeza ku wa 11 Gicurasi 2023, ku miryango iyemerewe. Inkunga igenewe abana ku mpamvu z'icyorezo ya P-EBT izahagarara ku itariki ya 11 Gicurasi 2023 ku mpamvu z'irangira ry'igihe cya gahunda ya leta y'ubutabazi bwihutirwa bujyanye n'ubuzima rusange.

---

**Ikibazo cya 3: Inkunga igenewe abana ku mpamvu z'icyorezo ya P-EBT ingana ite?**
Igisuzibo: Inkunga igenewe abana ku mpamvu z'icyorezo ya P-EBT ni amadolari 34.79 ku mwana mu gihe cy'ukwezi kuva muri Nzeri 2022 kugeza muri Mutarama 2023. Azatangwa hagati ya Gashyantare na tariki ya 11 Gicurasi ntarabarwa. Inkunga igenewe abana muri Gicurasi izaba igabanyije kubera ko izahagarara mu kwezi hagati.

---

**Ikibazo cya 4: Ese haba hari gahunda y'inkunga igenewe abana ku mpamvu z'icyorezo ya P-EBT mu mpeshyi?**
Igisubizo: Kubera ko gahunda ya leta y'ubutabazi bwihutirwa bujyanye n'ubuzima rusange iteganyijwe gusoza ku itariki ya 11 Gicurasi, nta gahunda y'inkunga igenewe abana ku mpamvu z'icyorezo ya P-EBT mu mpeshyi izabaho. Itegeko rya leta ntiryemerera Vermont gushyiraho gahunda y'inkunga igenewe abana ku mpamvu z'icyorezo ya P-EBT mu mpeshyi mu gihe gahunda ya leta y'ubutabazi bwihutirwa bujyanye n'ubuzima rusange yarengeje igihe.

---

**Ikibazo cya 5: Ni ryari inkunga igenewe abana ku mpamvu z'icyorezo ya P-EBT izatangira gutangwa?**
Igisubizo: Icyiciro cya mbere cy'inkunga (Nzeri 2022 - Mutarama 2023) kizatangwa muri Mata 2023. Abana bemerewe inkunga ya P-EBT bazishyurwa inshuro imwe ku nkunga y'amezi ya Nzeri kugeza muri Mutarama buri kwezi ku muryango wahawe inkunga za 3SquaresVT.

Biteganyijwe ko inkunga za Gashyantare kugeza ku itariki ya 11 Gicurasi zizatangwa muri Kanama.

---

**Ikibazo cya 6. Ni gute namenya niba umuryango wanjye wemerewe?**
Igisubizo: Urwego rushinzwe serivisi z'ubukungu (ESD) rumeza niba umwana wawe yemerewe, hashingiwe ku bisabwa byavuzwe haruguru. Mu gihe wemerewe, Urwego rushinzwe serivisi z'ubukungu (ESD) ruzaguha ibaruwa isobanura uburyo n'igihe uzabonera inkunga.

---

**Ikibazo cya 7: Mu gihe twemerewe, ni gute tuzabona inkunga?**
Igisubizo: Inkunga zigenewe abana ku mpamvu z'icyorezo za P-EBT zitangwa ku ikarita ya EBT yahawe umuryango wawe kugira ngo uhabwe inkunga ya 3SquaresVT.

---

**Ikibazo cya 8: Inshingano zo kwita ku mwana wanjye zagabanyijwemo imiryango ibiri. Ni nde ufata inkunga?**
A: Urwego rushinzwe serivisi z'ubukungu (ESD) ruzohererezwa inkunga umuntu mukuru uri ku rutonde rwa 3SquaresVT nk'umukuru w'umuryango.

---

**Ikibazo cya 9: Ni iki nagura n'iyi nshobora kugura nifashishije iyi nkunga?**
Igisubizo: Reba urutonde rw'ibiribwa byemewe ku rubuga rwa USDA.

---

**Ikibazo cya 10: Ni he nshobora gukoresha ikarita yanjye ya EBT?**
Igisubizo: Ushobora kuyikoresha ugura ubwoko bw'ibiryo wemerewe ahantu hose hemera sisitemu ya 3SquaresVT. Aha hakubiyemo amaduka y'ibiryo, amasoko manini, amaduka y'ibicuruzwa by'ibanze, amasoko y'abahinzi menshi muri Vermont. Ushobora kumenya byinshi unyuze kuri paji ya EBT ya DCF .

---

**Ikibazo cya 11: Nta bana mfite bari muri kereshe. Nahabwa iyi nkunga?**
Igisubizo: Yego. Abana bari munsi y'imyaka itandatu n'abahabwa inkunga ya 3SquaresVT baremerewe.

---

**Ikibazo cya 12: Mfite abandi bana barengeje imyaka itandatu. Ese bemerewe inkunga igenewe abana ku mpamvu z'icyorezo ya P-EBT?**
Igisubizo: Oya. Abana bahabwa inkunga ya 3SquaresVT n'abari munsi y'imyaka itandatu y'amavuko ni bo bahabwa iyi nkunga. Reba Ibibazo bikunze kubazwa bijyanye na gahunda y'inkunga igenewe abana ku mpamvu z'icyorezo ya P-EBT ukeneye andi makuru yerekeye inkunga zihari ku bana bujuje imyaka y'ishuri.

---

**Ikibazo cya 13: Byagenda bite se ndamutse ndashaka iyi nkunga?**
Igisubizo: Kwemera iyi nkunga ni ubushake. Mu gihe uhisemo kutakira iyi nkunga, usabwe kudakoresha inkunga z'inyongera zatanzwe ku ikarita ya 3SquaresVT EBT yawe.

---

**Ikibazo cya 14: Ese inkunga za P-EBT zitakaza agaciro iyo zidakoreshejwe?**
Igisubizo: Yego. Inkunga za P-EBT ita agaciro iyo ikarita idakoreshejwe mu gihe cy'iminsi 274.

---

**Ikibazo cya 15: Hari ibindi bibazo mfite. Ni hehe nabona andi makuru?**
Igisubizo: Jya kuri https://dcf.vermont.gov/esd/P-EBT cyangwa uhamagare 1-800-479-6151 ku mahitamo ya 7 mu gihe ukeneye andi makuru.

VERMONT
AGENCY OF HUMAN SERVICES
DEPARTMENT FOR CHILDREN & FAMILIES

VERMONT
AGENCY OF EDUCATION